Ministère de la jeunesse et des sports

Procès verbal

Le 14/11/1980

— 147

10

/ N.B/N. /

Pour transmission
NB le 15.12.80

INYANDIKO-NVUGO Y'INAMA Y'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO N'IMIKINO
BO MULI PREFEGITURA YA KIGALI YO KU WA 14 UGUSHYINGO 1980.

Inama yatangiye isaa tatu n'iminota mirongo ine, iyobowe na Bwana SENKWARE Célestin, umuyobozi w'urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura ya Kigali.

Abaje mu nama :

- Umuyobozi w'urubyiruko n'imikino muli Prefegitura ya Kigali
- Abayobozi b'urubyiruko n'imikino muli Komini : MUGAMBAZI, GIKOMERO, BICUMBI, MUSASA, RUSHASHI, SHYORONGI, BUTAMWA, TARE, RUTONGO, NGENDA, KANOMBE, KANZENZE, MBOGO, RUTONGO.
- Directrice ushinzwe service social muli Prefegitura Kigali
- Umukozi wa Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.

Abataje :

- Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli komini Gikoro.
- Komini Gashora na Nyarugenge muli iki gihe ntizifite abayobozi b'urubyiruko n'imikino.

Ingingo zasuzumwe :

1. Ikiganiro cya Directrice ushinzwe service social muli Prefegira ya Kigali.
2. Kongera amashyirahamwe y'urubyiruko alimo agenda agabanuka.
3. Imikorere ya raporo na programu.
4. Gusuzuma uko imikino iteye ubu tutibagiwe Ballet Communal.
5. Gusuzuma ibyerekeye correspondance
6. Ibibazo binyuranye.

Mu nzira y'ubufatanye bw'abakozi ba komini n'aba Prefegitura bashinzwe kuyobora no kubwiliza urubyiruko, Directrice ushinzwe service social muli Prefegitura ya Kigali yatumiwe mu nama y'abayobozi b'urubyiruko n'imikino bo muli Prefegitura ya Kigali.

Directrice yatanze ikiganiro kerekeye akazi ashinzwe, asobanura amavu n'amavuko ya service social mu Rwanda, imiterere ya C.C.D.F.P, uko service social imeze muli Prefegitura ya Kigali, ubufatanye n'indi milimo.

Service social yatangiye mu Rwanda muli 1949, igihe i Butare hatangiye ishuli lya mbere lyitwaga "Foyer Social". Muli 1952. ishuli lya fuwayi lyatangiye ku Nyundo, litangira i Nyanza muli 1957.

Ayo mashuli yakiraga igitsina gore gusa, ily'i Nyanza lyo lyareraga abali n'abategarugoli b'ibwami.

Fuwayi zatangiye ziyoborwa n'ababiligi (les A.F.I) kugeza muli 1962 ubwo abakobwa bali barangije ku karubanda bafashe imyanya yo kwigisha basimbura abazungukazi.

Muli icyo gihe kandi amashuli atatu yabanje yali amaze gushinga imizi atangira andi hilya no hino, mu migi no mu byaro za fuwayi zarahasakaye.

Abali n'abategarugoli barangije kwiga fuwayi basabwe kujya gushinga za ateliers.

.../...

Abakobwa barangije ku Karubanda batabonye ubwalimu muli fuwayi batangiye kubaha akazi mu bitaro, mu mavuliro, mu makomini n'ahandi. Aho hose bamamazaga service social.

Bigeze muli 1973, Leta y'u Rwanda yasanze fuwayi zitaba izigitsina gore gusa; nibwo hatangiye amashuli yakira ibitsina byombi, bayita ibigo bitsura amajyambere, C.S.D mu magambo ahinnye.
Icyo kifuzo cyo guhugura abasore n'inkumi n'abagabo n'abagore cyarakomeje kugeza ubwo hashyizweho C.C.D.F.P muli 1979. C.C.D.F.P ni amahuliro yo kwihugura agamije kwigisha abakuru b'amakipi bo mu bitsina byombi, bakaba bagenewe kwigisha bagenzi babo ku mirenge.

Muli Prefegitura ya Kigali, habarwa ibigo bitsura amajyambere 69, 5biligenga ibindi n'ibya leta. Hali ateliers 8,4 ziligenga; hali kandi n'ibigo byigisha gusoma no kwandika n'ibigo by'ababyeyi.
Aho ibyo bigo bili bigomba kuyoborwa no kubwilizwa n'abakozi ba komini cyangwa aba Prefegitura bose bafatanyije kuva ku rwego rwo hejuru kugeza kurwo hasi.

Ikiganiro kirangiye, abali mu nama babajije ibibazo byerekeye ingingo batasobanukiweho, nyuma inama ikomeza imilimo yayo ifatira ingingo ya kabili ili kumurongo w'ibyigwa yerekeye kongera amashyirahamwe y'urubyiruko alimo agenda agabanuka.
Buli muyobozi w'urubyiruko wali aho mu nama yahawe ijambo avuga muli make uko abona amashyirahamwe y'urubyiruko yifashe muli komini ye yagombaga kuvuga umubare wayo, icyo akora, agenda neza n'impanvu zidindiza andi.
Ubwo inama yasanze muli rusange amashyirahamwe yo muli Kigali yarahuye n'ingorane nyinshi zituma umubare utiyongera. N'aliho akaba adashimwa mu mikorere yayo ngo abe make meza.
Inama yashakiye imiti izo ngorane; imwe muliyo ni ukubitsa kugirango amafranga atibwa, kubara kenshi na kenshi umutungo wose no kumenya uko ukoreshwa kugira ngo hataba abanyamulyango bamwe bawunyereza rwihishwa, kutibanda cyane ku buhinzi niba ubutaka budahagije, kongera amashyirahamwe ashobora gukora umubare w'urubyiruko utubutse, kuzuza amabwiliza Ministeri u'Urubyiruko n'Imikino isaba amashyirahamwe kugeraho kugira ngo abone infashanyo, gukora imibare y'ibikenewe mbere y'igihe (prévision budgétaire).

Kuli iyi ngingo yasuzumwe naho havutse ibibazo. Dore uko biteye n'ibisubizo byatanzwe:

1. Kwitiranya ikigo (centre) n'ishyirahamwe bikunze kugaragara muli raporo mutanga. Umuyobozi w'urubyiruko n'imikino asabwe kumenya kubitandukanya?. N'ubwo ikigo kiba gifite undi muyobozi utali umuyobozi w'urubyiruko n'imikino, uyu agomba kwihatira kumenya no gushakira imiti ingorane cyaba gifite.
2. C.E.D.E.C.O.S ni ikigo nk'ibindi byose bigengwa na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino. Barasaba ko abana baharangije babona icyemezo cy'amashuli (certificat) cyatuma bishakira akazi mu bwalimu n'ahandi.
   Niyo Ministeri itagomba gutanga ibyo byemezo, abayobozi b'icyo kigo bashobora ubwabo gutanga ibyemezo bikemerwa n'aho umwana agiye kwaka akazi.
3. Ni ayahe mabwiliza yakulikizwa kugirango ishyirahamwe libone infashanyo.
   Ayo mabwiliza ali mu nyandiko nvugo y'Inama y'abayobozi b'urubyiruko n'imikino bo muli Prefegitura ya Kigali yabaye umwaka ushize.

:: .../...

99

4. Hali abayobozi bafite akazi kenshi bakabura umwanya wo gukulikirana amashyirahamwe. Babigenza bate? Umwanya wo kuyasura ntugomba kubura, igihe ni ukukishakira batunganya Programu y'akazi kabo neza bakagira umunsi umwe bagena wo kuyakulikirana, bakamenya neza umubare w'aban yamulyango, iminsi bahuliraho bagakora, umutungo bafite n'ingorane bahura nazo.
Umuyobozi w'inama yaboneyeho asaba Rushashi, Butamwa na Kanzenze kumuha bitarengeje ibyumweru bitatu raporo y'imikoresherezwe y'ibikoresho byahagiye kuko byaba byarakoreshejwe mu nzira zitalizo.

Ku ngingo ya gatatu yerekeye imikorere ya raporo na programu, umuyobozi w'inama yihanangilije bagenzi be, yongera kubibutsa ko raporo y'ukwezi igomba kuza ali iy'ukwezi kumwe gusa ikamugeraho bitarenze italiki 3 y'ukwezi gukulikira ukwakorewe raporo. Naho raporo y'umwaka ikorwa mu kwezi kwa 8. Ayo mabwiliza akulikizwa no mu mikorere ya programu, hali iy'ukwezi n'iy'umwaka.
Abitwaza ko Bourgmestre atinda gusinya raporo zabo cyangwa bafite izindi mpamvu ntibagomba kuzibara kuli bose (généraliser) kandi utazubahiliza ayo mabwiliza azabihanirwa.

N.B : Izindi ngingo zanditse ku murongo w'ibyigwa zasuzumwe mu gihe k'ikiruhuko cya saa sita ntahali

Inama yarangiye isaa saba.

NYIRAGARUKA Berthilde.
le 3/12/1980.

Ny. Berth

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE KIGALI
ENCADREMENT DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS

Kigali, le 3/11/1980

N° 72/12.04/09

A traiter par Jeunesse Encadrement
Date entrée : 7/11/80
N° Classement : 8373/12.04

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
muli S/Prefegitura
BUMBOGO

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko muli
Komini.........(Bose)

Impamvu: Inama

NYIRAGARUKA
y assister 13/11/80

Bwana,

Nkuko bisanzwe bigenda, mbatumiye mu inama yacu y'igihembwe izaba taliki ya 14/11/1980 saa tatu(9h) za mu gitondo.

Abali muli congé nabo basabwe kuzaba bahali.

Dore ibizigwa uwo munsi:

1- Ikiganiro cya Directrice ushinzwe Service Social muli Préfecture KIGALI
2- Kongere amashyirahamwe y'urubyiruko alimo agenda agabanuka
3- Imikorere ya Raporo na Programu
4- Guhuzuma uko imikino iteye ubu tutibagiwe Ballet Communal
5- Ibibazo binyuranye(Divers).

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
muli Kigali

SENKWARE Célestin.-

Bimenyeshejwe:

- Bwana Ministre w'urubyiruko n'imikino
  KIGALI
- Bwana Prefe wa Prefegitura
  KIGALI
- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura
  BUMBOGO-BUGESERA
- Bwana Bourgmestre wa Komini (Bose).

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE KIGALI
ENCADREMENT REGIONAL
DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS

Kigali, le 13/01/1980

N° 77/12.04/09

A traiter par Jeunesse Encadrement
Date entrée : 7.11.80
N° Classement : 8369/12.04

Mademoiselle la Directrice des C.S.D.
KIGALI

S/C de Monsieur le Préfet de Préfecture
KIGALI

**Objet:** Invitation
à la réunion

Mademoiselle la Directrice,

Suite à nos derniers entretiens et faisant suite aux souhaits exprimés par les Encadreurs Communaux de la Jeunesse et des Sports en Préfecture de Kigali lors de leur dernière réunion trimestrielle du 31/3/1980, relatif à l'exposé du Service Social;

J'ai l'honneur de vous inviter à notre prochaine réunion qui se tiendra dans le Bureau de l'Encadrement Régional en date du 14/11/1980 afin que vous puissiez nous parler du Service Social vous confié, lequel nous sommes appelés à collaborer sur le terrain.

En effet, Mademoiselle la Directrice, vous allez surtout insister sur les possibilités de collaboration entre le Service Social dans les Communes et l'Encadrement de La Jeunesse et des Sports.

Veuillez agréer, Mademoiselle la Directrice, l'assurance de ma franche collaboration.

Encadreur Régional de la Jeunesse et des Sports

SENKWARE Célestin.-

Copie pour information à:
- Monsieur le Ministre des Affaires Sociales et du Mouvement Coopératif
KIGALI
- Monsieur le Ministre de la Jeunesse et des Sports
KIGALI

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE KIGALI
SERVICE DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS

Kigali, le 30/10/1980

N° 71/12.04/09

Bwana Bourgmestre wa Komini
KANZENZE

Binyujijwe kuli Bwana Prefe wa
Prefegitura
KIGALI

**Impamvu:** Gukata
1/4 cy'umushahara

Bwana Bourgmestre,

Nkulikije amabwilizwa y'akazi agenga abayobozi b'urubyiruko n'imikino avuga ko bategetswe gukora Rapore ya buli kwezi, bagakora na Rapore irambuye mu kwezi kwa 8, nkulikije kandi ibyemezo twafatiye mu nama y'aba Encadreur bose yabaye ku matariki 6/9/1979, 27/12/1979 31/3/1980, byerekeye ko Programu na Rapore bigomba gukorwa bikoherezwa kare;

Nkulikije ibaruwa yanjye N° 6/14.04/09 yo kuwa 29 Mutarama 1980 nandikiye Encadreur nkabaha Kopi ivugako mwiyamye bwa nyuma, n'indi n° 58/12.04/09 yo kuwa 29 Nzeli 1980 nabanyujijeho ikaba nta gisubizo;

Nkulikije na none ibaruwa yanjye N° 55/14.04/09 nandikiye b'Encadreur bose nkabaha Kopi, n'indi N° 1867/12.07 nandikiwe na Bwana Ministre w'urubyiruko n'imikino akabaha na none Kopi;

Mbandikiye mbasaba gukata Bwana KAYINAMURA Charles 1/4 cy'umushahara we w'ukwezi kwa 11 kubera impamvu zikulikira:

- Raporo zitakozwe z'amezi akulikira: 1,4,6,7,8,9,
- Programu itakozwe y'amezi akulikira: 5,7,8,9-
- Raporo irambuye y'umwaka wa 80 itakozwe yasabwe n'ibaruwa yanjye N° 57/15.04/09.
- Amafishi y'ibarura ly'ibikorwa by'ubufatanye bw'urubyiruko yasabwe na Bwana Ministre w'urubyiruko n'imikino mu ibaruwa ye N° 806/12.04
- Ibaruwa yanyu N° 931/03.01.02 yo kuwa 30 Nzeli yambazaga Raporo akaba atarayishubije.

Uwo Encadreur aramutse atisubiyeho, azakomeza guhanishwa ibihano biteganijwe na Statut igenga abakozi ba Komini.

Umuyobozi w'urubyiruko n'imikino
muli Kigali

SENKWARE Célestin.-

Bimenyeshejwe:
- Bwana Ministre w'urubyiruko n'imikino
KIGALI
- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura
BUGESERA
- Bwana Comptable wa Komini
KANZENZE
- Bwana KAYINAMURA Charles
Encadreur wa Komini
KANZENZE

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE KIGALI
SERVICE DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS

Kigali, le 28/10/1980
N° 70/12.04/09

A traiter par Jeunesse
Date entrée : 3/11/80
8259/12.04
3/11/80

Bwana Bourgmestre wa Komini
KANOMBE

Binyujijwe kuli Bwana Prefe wa
Prefegitura
KIGALI

**Impamvu:** Gukata Encadreur
1/4 cy'umushahara

Bwana Bourgmestre,

Nkulikije ibaruwa yanjye N° 44/14.15/09 yo kuwa 13 nzeli 1979 nandikiye Encadreur wa Kanombe nkabaha Kopi, iyo baruwa ikaba yerekeye kudakora Rapore;

Nkulikije amabwilizwa y'akazi agenga abayobozi b'urubyiruko n'imikino avuga ko bagomba gukora Rapore ya buli kwezi, bagakora Rapore irambuye y'umwaka mu kwezi kwa 8; nkulikije ibyemezo by'inama ya ba Encadreurs bose yabaye taliki ya 6/9/79 ya 27/12/1979 na 31/3/1980, byerekeye imikorere ye Programu y'akazi na Rapore, nkulikije kandi imishyikirano twagiranye aho kuli Komini taliki ya 27/3/1980, ikaba yali igamije kumvisha Encadreur ko agomba kwita ku kazi ke, akora Programu na Rapore nkuko bitegetswe;

Nkulikije na none ibaruwa yanjye N° 55/14.04/09 nandikiye b'Encadreurs bose nkabaha Kopi;

Mbandikiye mbasaba gukata Bwana SIBOMANA Sylvestre 1/4 cy'umushahara we w'ukwezi kwa 11 kubera impamvu zikulikira:

- Programu itarakozwe y'amezi akulikira: 2,3,5,6, 7,8,9,10.
- Rapore itarakozwe y'amezi akulikira : 3,4,5,6, 7,8,9.
- Rapore irambuye y'umwaka wa 80 itarakozwe yasabwe n'ibaruwa yanjye N° 57/15.04/09
- Amafishi y'ibaruwa ly'ibikorwa by'ubufatanye bw'urubyiruko yasabwe n'ibaruwa N° 806/12.04 ya Bwana Ministre w'urubyiruko akaba ataroherejwe.

Uwo Encadreur aramutse atisubiyeho, azakomeza guhanishwa ibihano biteganywa na Statut igenga abakozi ba Komini.

Umuyobozi w'urubyiruko n'imikino
muli Kigali

SENKWARE Célestin.-

**Bimenyeshejwe:**
- Bwana Ministre w'urubyiruko n'imikino KIGALI
- Bwana Comptable wa Komini KANOMBE
- Bwana SIBOMANA Sylvestre Encadreur wa Komini KANOMBE

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE KIGALI
SERVICE DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS

Kigali, le 30/10/1980
N° 69/12.04/9

A traiter par D.G. Jeunesse
Date entrée : 3/11/80
N° classement : 8258/12.04
3/11/80

Bwana Bourgmestre wa Komini
RUSHASHI

Binyujijwe kuli Bwana Prefe wa
Prefegitura
KIGALI

**Impamvu:** Gukata
1/4 cy'umushahara

Bwana Bourgmestre,

Nkulikije amabwiliza y'akazi agenga abayobozi b'urubyiruko n'imikino avuga ko bagomba gukora Raporo ya buli kwezi, bagakora Raporo irambuye y'umwaka mu kwezi kwa 8, nkulikije kandi ibyemezo by'inama ya ba Encadreurs bose yabaye taliki 6/9/1979, 27/12/1979 na 31/3/1980, byerakeye imikorere ya Programu y'akazi na Raporo;

Nkulikije ibaruwa yanjye N° 59/12.15/09 yo kuwa 26 Nzeli 1980 nandikiye Encadreur yerekeye kudakora Raporo ikaba itarashubijwe;

Nkulikije na none ibaruwa yanjye N° 59/12.04/09 nandikiye b'Encadreurs bose nkabaha Kopi, igasubizwa n'indi N° 1867/12.07 ya Nyakuhwa Bwana Ministre w'urubyiruko n'imikino;

Mbandikiye mbasaba gukata Bwana MUHASHYI Gérard 1/4 cy'umushahara we w'ukwezi kwa 11 kubera impamvu zikulikira:
- Programu itarakozwe y'amezi akulikira: 2,3,4,6,7,8,9,10
- Raporo zitakozwe z'amezi akulikira : 1,3,4,6,7,8,9
- Raporo irambuye y'umwaka wa 80 itarakozwe yasabwe n'ibaruwa yanjye N° 57/15.04/09.

Uwo Encadreur aramutse atisubiyeho azakomeza guhanishwa ibihano biteganywa na Statut igenga abakozi ba Komini.

Umuyobozi w'urubyiruko n'imikino
muli Kigali

SENKWARE Célestin.-

**Bimenyeshejwe:**
- Bwana Ministre w'urubyiruko n'imikino
KIGALI
- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura
BUMBOGO
- Encadreur S/Prefegitura
BUMBOGO
- Bwana Comptable wa Komini
RUSHASHI
- Bwana MUHASHYI Gérard
Encadreur wa Komini RUSHASHI

/K.E./M.Z./

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS
B.P. 1044 - KIGALI

Kigali, le 26/11/1979

N° 1867/12.07

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko
n'Imikino muli Prefegitura ya
K I G A L I

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko,

Ndakumenyesha ko ibaruwa yawe n°55/ 14.04/09 yo kuwa 2 Ugushyingo 1979 woherereje Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino mu Makomini nayibonye.

Ibyo wababwiye ndabyemeye kandi ndabishyigikiye aliko nongeye kukwibutsa ko Abakozi ba Komini bategekwa na Burgumestri wabo. Nusanga abakozi batangiye kudohoka k'umulimo wabo, uzasabe ababategeka bazabahanishe ibihano biteganijwe mw'Iteka rya Prezida wa Repubulika n°254/03 ryo kuwa 25 Ugushyingo 1975 lishyiraho amategeko agenga Abakozi ba Komini.

Colonel Aloys NSEKALIJE
Ministri w'Urubyiruko n'Imikino.-

Bimenyeshejwe:
- Bwana Prefe wa Prefegitura ya K I G A L I
- Bwana S/Prefe wa BUMBOGO-BUGESERA K I G A L I
- Bwana Burgumestri (Bose)

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE KIGALI
ENCADREMENT REGIONAL

Kigali, le 2 Nov. 1979
N° 55/14.04/09

A traiter par ..................
Date entrée : 6/11/79
N° Classement : 4.0.13/4.2

Bwana ..........................

Umuyobozi w'Urubyiruko muli Komini (Bose)

Bwana,

Muli iyi minsi bamwe mulimwe bihaye kudasubiza amabaruwa bandikiwe cyangwa banayasubiza ak za akererewe nt'agaciro agifite. Mu nama twagiranye kenshi, twemeranyijwe ko raporo za buli kwezi na raporo irambuye y'umwaka zizajya zizira igihe none bamwe babiciyeho. Programu y'akazi (programme d'activité) kugirango irusheho kugira akamaro igomba kugera hano bitarenze taliki ya 5 z'ukwezi.

Kugirango ako kajagari kaveho muli correspondance tugirana, niwongera gukerereza amabaruwa yihutirwa, ugakerereza raporo na programme d'activité bikarenza taliki 5 z'ukwezi nkuko twabyemeje, uzakatwa ntagushidikanya 1/4 cy'umushahara wawe.

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
muli Prefegitura ya KIGALI.-

SENKWARE Célestin

Bimenyeshejwe :

- Bwana Ministri w'Urubyiruko n'Imikino KIGALI.-
- Bwana Prefe wa Prefegitura KIGALI.-
- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura BUMBOGO - BUGESERA.-
- Bwana Bourgmestri wa Komini (Bose)

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS
B. P. 1044 Kigali

Rukundo

Où est la lettre d'invitation ?

5/3/80

- Voir la lettre en annexe
7/3/80

Pauline : Annexez ce travail au Rapport transmis par l'Encadreur Régional.
7/3/80

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YAHUJE ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO N'IMIKINO MULI PREFEGITURA YA KIGALI (Taliki ya 27 Ukuboza 1979).

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Abali mu nama : Umuyobozi mukuru w'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura ya Kigali aliwe wayoboraga inama.

Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli za Komini, ya RUTONGO, GASHORA, NGENDA, GIKORO, GIKOMERO BICUMBI, MUGAMBAZI, MBOGO, RUSHASHI, MUSASA, TARE na KANZENZE.

Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli za Komini batashoboye kuza muli yo nama aba BUTAMWA, RUBUNGO, MUSASA na KANOMBE.

Hali Uhagaraliye J.O.C. muli Prefegitura ya Kigali n'Abahagaraliye Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino wali uyoboye inama yafashe ijambo agira ati: Nishimiye kuba mwaje muli iyi nama muli benshi naho bamwe bataragerahano.

Yakomeje yerekana abayobozi bashya b'Urubyiruko n'Imikino abifuliza kuzakorana umulimo wabo umurava ko bazitaho akazi kabo bashinzwe.

Uhagaraliye J.O.C. yahise ahabwa ijambo asobanulira abali mu nama mu magambo avuga ati: Ndashimira Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Kigali wantumiye ngo nze nfatanye imilimo y'inama namwe mubibazo tugomba kwigira hamwe.

Yahise asobanura akamaro k'umuryango wa J.O.C. agira ati J.O.C. igizwe n'ibitsina byombi abakobwa n'abahungu. Mu magambo makeya yasobanuye imilimo y'urwo rubyiruko agira ati: Urubyiruko rumwe rugizwe n'abahinzi, abanyeshuli, abakorera amafaranga bakoresheje amaboko yabo n'ngufu zabo hali abakora imilimo y'ubukorikori abatwara imitwaro y'abantu, aboza imodoka n'indi milimo y'amaboko.

Yakomeje asobanura inkomoko ya J.O.C. ko yashinzwe muli 1925 n'Umupadiri w'Umubiligi witwa Joseph. Asobanura ko impamvu yatumye ahimba uwo muryango aruko urubyiruko rwinshi rwali rufite ubushomeri nta akazi rwagiraga.

Padiri ahita asaba Papa yuko yamutera inkunga yo gushyigikira urwo rubyiruko. Muli 1958 uwo muryango niho watangiye mu RWANDA na Musenyeli PERODI hamwe n'undi mupadiri wali i BUTARE.

Yakomeje asobanura yuko uwo muryango ufite intebe yawo i (Kigali) kuva kuwa 12 Ukuboza 1963.

Avuga yuko uwo muryango ugamije kurengera urubyiruko rw'abakozi, abahinzi abirwanaho n'abanyeshuli muburere bwarwo no muli Roho zabo.

Kurukwiza ku mirenge no kurufasha barugira inama mubyo bashoboye gukora cyane cyane muli Radio, mu binyamateka no kuvuganana nabo. Kwigisha urubyiruko rwo mubyaro Ubuhinzi gusoma, kudoda, kwandika n'ibindi. J.O.C. y'umugi wa KIGALI, igomba kwegeranya urubyiruko rwose rukibumbira hamwe nka abakarani ngufu n'aboza imodoka n'abandi bakora ubukorikori.

J.O.C. yahisemo gucumbikira abakozi bakora muli Leta nomu masosiyete, abahungu n'abakobwa kandi ko bongera amazu ku girango bakomeze bacumbikire urwo rubyiruko.

J.O.C. yigisha urubyiruko imyuga yo kwandikisha imashini na comptabilité no kudoda hano muli Kigali.

.../...

INGORANE BAHURA NAZO

- Kubura ibikoresho,
- Kubura urugira inama muli za Komini kubera kubura uburyo bwo kuhagera.
- Kubura aho bagulishiliza umusaruro wabo, kandi niyo bahabona g bagahendwa.
- Kutamenya gufata neza umutungo wabo no kuwufata neza
- Kwangiliza ibintu byabo ntibigire kirengera
- Guhendwa iyo batwara imitwaro y'abacuruzi
- Iyo bagiza amakosa bagafungwa ntihagire ubitaho
- Kutamenya gukoresha amafaranga yabo neza.

Yakomeje asobanura yuko hali amasegisiyo n'amakipi muli zadiyoseze z'Urwanda ndetse no mu mpande zose z'Afrika, Ubufaransa, Ubwongereza no mu Bubiligi n'ahandi.

UMUTUNGO WA J.O.C.

J.O.C. ifashwa n'abagiraneza bo mu Buraya no kwa Papa bakabaha amafaranga yo kubaka amacumbi ndetse nindi imilimo yafasha urwo rubyiruko.
Uburyo bwo gufatanya n'Encadreur kurera urubyiruko rwa J.O.C. guhuliza amashyirahamwe yose hamwe no kurugira inama mu mirerere yarwo na Roho zabo.

IBIBAZO BYAVUGIWE MU NAMA

Q. Uniformes abakarani bafite bazikura hehe ?
R. Tugura ibitambaro byaburuRu nyuma tukadodamo amakabutura n'amashati bakazigura
Q. Kiriya kimenyetso kili kuli uniformes bagihabwa na Leta ?
R. Ikimenyetso bagihabwa na J.O.C. kugirango bamenyekane bitandukanye n'amabandi.
Q. Ministre w'Urubyiruko hali icyo afashisha urwo rubyiruko ?
R. Umwe mubahagaraliye Ministeri yashubije: iyo hagize urubyiruko rwanditse, Ministri asuzuma urwo rwandiko nyuma akaruha ibikoresho bishobora kuboneka muli Stok.
Q. Hali imfashanyo Ministri ashobora guha abakarani ngufu ?
R. Nabo bishyize hamwe hanyuma uhagaraliye urubyiruko rwa J.O.C. akandikira Ministri amusaba imfashanyo yurwo rubyiruko nki ingorofani z'abakarani ngufu ashobora ku muha izaboneka.

Yarangije gusobanurira abali bagize inama ko urwo rubyiruko rukwiye gushyigikirwa cyane cyane ku rufasha mu mirere yarwo na Roho.

- Uhagaraliye Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yasobanuliye abali mu nama ingingo zigize Folklore.

UHAGARALIYE MINISTERI Y'URUBYIRUKO N'IMIKINO yafashe ijambo asobanulira abali mu nama ibice bigize Bale Nasiyonali. Bale Nasiyonali igizwe n'ibice bitatu alibo Abahutu, abatutsi n'Abatwa, akomeza asobanura imico yabo nuko babahuza kuko baba baturutse mu mpande zose z'Urwanda.

Avuga ati bakina bakulikije umuco wa Kinyarwanda ndetse ugasanga abanyarwanda bibashimisha ndetse n'Abanyamahanga ugasanga babyishimiye.

Urubyiruko rw'Abakinnyi b'Urwanda n'Abakobwa n'Abasore bagakina bakulikije ibyo buli groupe yiga nk'intore, ikondera, ingoma, abacuranzi n'abandi bazi indi mikino.

.../...

REPUBLIQUE RWANDAISE
COMMUNE KANZENZE
SERVICE DE LA JEUNESSE
ETIDES SPORTS.

Kanzenze, le7/11/1980
N°32/14.04/09.

A traiter par Jeunesse
Date entrée: 10/11/80
N° Classement: 8.4.3/12.04
10/11/80

Bwana Encadreur wa Prefegitura
KIGALI.-

Bwana Encadreur,

Nmulikije ibaruwa yawe N°71/12.04/09 yoku
wa 30 Ukwakira 1980 ivuga ko ntatanga raporo, mboneyeho kukumenyesha ko izo rapo
ro ndegwa zatanzwe gusa keretse niba hali ikindi ushaka kugeraho naho ubundi
jye ku giti cyanjye ndabona ali ntakosa mbona, nali na za raporo z'amezi nali
ndi muli konji wowe ukavuga ngo sinazitanze, keretse niba iyo umuntu ali muli ko
nji nabwo agomba gutange raporo aliko nabyo ubwo mwabitumenyesha.
Hali kandi na programu z'akazi nazo uvuga ngo ntizatanzwe alikomuwaba ameze ate
ibyobintu cyose urabona ko yakwanga kubitanga akaba akora iki? Rwose nawe wibaze
kandi ntabwo nigeze ndatanga ibyo akazi kanjye kansaba byose nawe usanzwe ubizi
kuko twakoranye igihe kirekire gusa sinzi niba warandambiwe aliko nabyo wabimwi
ra aho kugirango ukmeze kubivugira mu mpapuro, jye nzi ko ngomba gukora akazi m
nshi nawe kandi nsanzwe mbizi kandi buli wese azi ko akazi bamushinze kagomba
gukorwa byamunanira agasezera, igihe laro ntali nasezera ubwo ni uko nshoboye
gukora ibyo nshinzwe. Naho ibyo kuvuga ngo basenkate icy kane cy'umushahara
ibyo byikuremo kuko aho kubigenza utyo ahubwo wavuga bakanyirukana ibyo lero nta
bwo mbishaka niba utanshaka mu kazi kawe wabimbwira, kandi ndabona alibyo u
shaka kugeraho, ibyo laro byo gupfa gukata umuntu nta cyaha afite ndabiguha
kaniye ahubwo wayatwara yose. Dore nawe nguhe urugero hali raporo y'umwaka
uvuga ko itatanzwe kandi nayohereje ku italiki ya 24 Nzeli uyu mwaka ihereke
jwe ni ibaruwa N°25/14.15/09 nushaka uzambwire nkoherereze kopi yayo kuko nyi
fite. Ngaho ni ah'ubutaha nzaba numva ayo matwara yawe.

Akazi keza.

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
muli Kanzenze
KAYINAMURA Charles.

Bimenyeshejwe:

- -Bwana Ministre w'Urubyiruko n'Imikino KIGALI.
- -Bwana S/Prefe wa SuPrefegitura BUGESERA.-
- -Bwana Bourgmestri wa Komini KANZENZE.-
- -Bwana Comptable wa Komini KANZENZE.-

Akomeza asobanulira abali mu nama ibice bikulikiraho ati :

- Umutimbo - Imilindi
- Umurango - Ibitego (1.2 3e)
- Umuterere - Urucantege
- Urusumo - Urubunda
- Agasiga- - Ikirashya
- Inyanja - Ibimanuka
- Urukina - Umugenda
- Umunyuzo - Umutsindiko
- Indamutso - Ibihubi bya 1, 2, 3
- Ibihubi by'inka - Umusuko
- Amasuka n'ibindi, yagiye asobanulira abali mu nama akamaro kabuli ijambo nuko bakina muli Bale Nasiyonali.

Agira ati Bale Nasiyonali ntabwo iramera neza cyane ati aliko ko ubutaha izaba imaze kumera neza ali ibikoresho cyangwa ubuhanga yakomeje gusobanura byinshi bigize Bale Nasiyonali bizagaragazwa mu nyandiko-mvugo ya compte-rendu.

Yarangije asubiza ibibazo yabazwaga n'abali munama nabyo bizaza muli compte-rendu yiyo nama.

RUKUNDO Damien Emmanuel.-

Monsieur le Directeur de
l'Encadrement et Formation

Vu que je commence mon congé le 28/12/1979, je ne serai pas disposée à aller à la réunion des Encadreurs Communaux prévue à cette date.

NYIRAGARUKA Berthilde.-

N.B.

le 26. 12. 79.

Monsieur RUKUNDO

remplacera Mlle NYIRAGARUKA à cette réunion.

26/12/79

Dactylo le 7/12

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE KIGALI
ENCADREMENT REGIONAL
DE LA JEUNESSE ET DES
SPORTS.-

Kigali, le 21/11/1979
N° 61/14.02/09

A traiter par : D. Ext + form
Date entrée : 30/11/79
N° Classement : 1156 1/12
04

Monsieur le Représentant National de la
J.O.C. Filles et Garçons
KIGALI.-

S/C de Monsieur le Préfet de Préfecture
KIGALI.-
P.O. Le Sous-Préfet, Seruvi François

Monsieur le Représentant,

Référence faite aux décisions prises par les encadreurs communaux de la Jeunesse et des Sports en Préfecture de Kigali lors de leur réunion du 7/09/1979, relatives à l'exposé sur la J.O.C.;

J'ai l'honneur de vous inviter à notre prochaine réunion qui aura lieu le 28 décembre 1979 afin que vous puissiez nous donner un exposé sur la J.O.C. vous confiée.

En effet, Monsieur le Représentant, l'exposé sera axé sur les activités de la J.O.C. et les possibilités de collaboration avec nous, les encadreurs de la jeunesse et des sports.

Veuillez agréer, Monsieur le Représentant, l'assurance de ma franche collaboration.

L'Encadreur Régional de la Jeunesse
et des Sports

SENKWARE Célestin.

C.P.I. à :

- Monsieur le Ministre de la Jeunesse et des Sports
KIGALI.-

Jeunesse notre représentant 30/11
Sec + Form proposer 4/12
NYIRAGARUKA ← Prenez vos dispositions.
présentera le Ministère à cette réunion.
7/12/79
Vu 10/12/79